## RULINDO WATER FOR THE PLANET INITIATIVE

# AMAKURU Y'INGENZI KU MUSHINGA

**WATER FOR THE PLANET INITIATIVE VPA 001 (GS23533)**

### 1. Igikorwa cya Proje ku Bushake (VPA) – GS23533

Umushinga wa "Water for the Planet Initiative" ugamije kwagura uburyo bwo kubona amazi meza yo kunywa ku baturage bo hirya no hino mu Rwanda binyuze mu gusana ibikorwa remezo by'amazi byangiritse cyangwa bitagikora, no gushyiramo sisitemu zo gushyiramo umuti wica udukoko mu miyoboro y'amazi (in-line chlorination) n'izindi tekinoloji ziboneye zo gutunganya amazi mu miyoboro isanzwe yo guha amazi abaturage.

Mu kugeza amazi meza ku baturage mu buryo butaziguye, uyu mushinga ugabanya gukenera guteka amazi hifashishijwe inkwi cyangwa amakara (ibikomoka ku bidukikije bidasubirwaho), bityo ugabanya imyuka ihumanya ikirere mu gihe unateza imbere ubuzima rusange bw'abaturage.

Uyu mushinga ushyigikira intego z'u Rwanda zo kugeza amazi ku baturage ku rwego rw'uturere, imyiyemezo y'igihugu ku mihindagurikire y'ikirere, n'Intego z'Iterambere Rirambye.

Tekinoloji zishyirwa mu bikorwa muri iyi VPA zirimo imwe cyangwa ihuriro rya:

- tekinoloji zo gutunganya amazi ku rwego rw'umuryango (Imiyoboro y'amazi), na/ cyangwa
- tekinoloji zo gutanga amazi ku baturage (Community Water Supply technologies – CWS), zigamije gutanga no/ cyangwa kugenera amazi meza yo kunywa abaturage, ingo, abaturage batuye aho hantu, n'ibigo (institutions).

Water Access Rwanda (WAR) ikora nk'Ikigo Gishinzwe Guhuza no Gucunga Umushinga (Coordinating and Managing Entity – CME), gifite inshingano zo gucunga umushinga, gukurikirana carbon credits, kuziyemeza (certification), no kuzigurisha.

WASAC Group, ikigo cy'igihugu gishinzwe amazi mu Rwanda, kiyobora ishyirwaho rya sisitemu, isanwa ryazo, imikorere yazo, kubungabunga, no kugenzura ko ireme ry'amazi ryubahirije ibisabwa.

Abafatanyabikorwa b'ingenzi barimo ubuyobozi bw'Akarere ka Rulindo, abayobozi b'inzego z'ibanze ku rwego rw'Akagari, abikorera mu mazi (ubu harimo COWBE na OWNE LORD), ndetse n'abaturage bakoresha sisitemu ndetse n'abagira uruhare mu iyubakwa, imikorere no kugenzura sisitemu za CWT/CWS.

| Impinduka Zabaye Nyuma Y'inama Y'abafatanyabikorwa |
|---|
| **abayobozi b'inzego z'ibanze bari ku rwego rw'Akagari**, ndetse hanongerewemo **amazina y'abikorera mu mazi babiri bakora mu Karere ka Rulindo**. Byongeye, igice kijyanye n'abaturage bafitanye isano n'umushinga cyaguwe kugira ngo hashyirwemo mu buryo bweruye **abahawe akazi mu gihe cy'iyubakwa no mu mikorere y'umushinga** nka kimwe mu byiza by'ingenzi by'uyu mushinga. |

### 2. Imipaka y'Aho Umushinga Ukorera n'Ingano Yawo

Uyu mushinga wa VPA ushyirwa mu bikorwa mu Karere ka Rulindo, mu Ntara y'Amajyaruguru ya Repubulika y'u Rwanda.

Sisitemu zose za CWT na CWS zibarizwa muri iyi VPA ziri muri izi mbibi.

Hazakoreshwa amakuru ya GPS mu kwemeza aho buri sisitemu iherereye n'aho abakoresha amazi bose bari.

Abakoresha amazi bazabarwa mu igenzura rya carbon ni ababa bari mu ntera itarenze kilometero 1 uvuye aho amazi atangirwa (CWT/CWS access point).

Iyi VPA ifatwa nk'umushinga muto (small-scale) kandi biteganyijwe ko itazatanga carbon credits zirengeje toni 60,000 za $CO_2e$ ku mwaka.

| Impinduka Zabaye Nyuma y'Inama y'Abafatanyabikorwa |
|---|
| Nta Mpinduka |

### 3. Igihe Umushinga Uzamara

- Itariki yo Gutangira VPA: 15 Mata 2026
- Itariki yo Gutangira Igihe cyo Kubara Carbon (Crediting Period): 15 Mata 2026
- Igihe VPA Izamara: Imyaka 15 (ibice by'imyaka 5, bishobora kongerwa inshuro ebyiri), hakurikijwe amategeko ya Gold Standard ku mishinga itanga serivisi ku baturage kandi bihujwe n'igihe PoA izamara.

| **Impinduka Zabaye Nyuma y'Inama y'Abafatanyabikorwa** |
|---|
| Nta Mpinduka |

### 4. Gahunda yo Gushyira mu Bikorwa

Uyu mushinga uzashyirwa mu bikorwa mu Karere ka Rulindo hifashishijwe ibikorwa bikurikira:

#### A. Isanwa no Kwagura

- Gusana ibikorwa remezo by'imiyoboro y'amazi bitagikora cyangwa bikora nabi
- Kwagura imiyoboro yo gukwirakwiza amazi kugira ngo amazi agere mu ntera ya kilometero 1
- Kongeramo imiyoboro igenewe amazi agera mu ngo hanarebwa bwa mbere ababa n'ubumuga aho imiyoboro mishya izashyirwa.

#### B. Tekinoloji zo Gutunganya Amazi

- Gushyiramo sisitemu zo gushyiramo umuti wica udukoko mu miyoboro.
- Kuyungurura amazi aho bikenewe
- Kubahiriza igipimo cya RS EAS 12 ku mazi meza yo kunywa

#### C. Ibigize Umuyoboro wo Gutanga Amazi

- Amapompo rusange n'aho amazi acururizwa (water kiosks)
- Ibigega by'amazi, ibikoresho bigenga umuvuduko, n'amavalvu yo kugenzura amazi
- Sisitemu zitwara amazi hifashishijwe uburemere (gravity-fed) cyangwa amashanyarazi

#### D. Imikorere n'Imicungire

- Imikorere n'isanwa bihoraho bikorwa na WASAC Group
- Kwandika no kubika amakuru ku bihe sisitemu yahagaze, isanwa ryakozwe, n'ibikorwa byo kuyibungabunga

- Gukora igenzura ry'ireme ry'amazi buri gihe mbere yo gutangira kuyakoresha no mu gihe cyose sisitemu iri gukora

**E. Gukurikirana n'Imicungire y'Amakuru**

- Kugenera buri muyoboro w'mazi kode yihariye (Unique ID)
- Gukurikirana ubwiza bw'amazi y'umushinga harimo abahatuye.
- Gukora ikarita ya GPS y'ibikorwa remezo byose n'ingo z'abakoresha amazi
- Gukora ubushakashatsi bwo gukurikirana buri mwaka
- Gukurikirana no gutanga raporo za carbon bikorwa n'Ikigo Gishinzwe Guhuza no Gucunga Umushinga (CME)

| **Impinduka Zabaye Nyuma y'Inama y'Abafatanyabikorwa** |
|---|
| Igikorwa cyo kugeza amazi mu ngo ku miyoboro (private household connections) cyahinduwe kugira ngo hajye habanzwa abaturage bafite ubumuga aho imiyoboro mishya ijyanwa mu ngo.<br>Mu imyaka ibiri ya mbere y'umushinga, hazatoranywa abagize bamwe mu baturage maze bahabwe amahugurwa no gushyirwaho ubushobozi bwo gupima chlorine, hagamijwe gufasha abikorera n'itsinda rya WASAC mu gukurikirana ireme ry'amazi, ndetse no guteza imbere ikizere cy'abaturage ku mazi meza atangwa n'umushinga. |

## 5. Abakoresha Amazi Bateganyijwe n'Uburenganzira kuri Carbon

Uyu mushinga ugamije gukorera:

- Ingo zishingiye ku masoko y'amazi adatekanye cyangwa adizewe
- Amashuri acumbikira abanyeshuri n'ibindi bigo bikorera igihe cyose (full-time premises)
- Amashuri adacumbikira abanyeshuri n'ibigo nderabuzima

Abakoresha amazi bazabarwa mu igenzura rya carbon ni ababa bari mu ntera itarenze kilometero 1 uvuye aho amazi atangirwa n'umushinga.

Ihererekanya ry'uburenganzira bwa carbon riva ku bakoresha amazi rijya kuri Water Access Rwanda rizakorwa gusa nyuma y'ishyirwaho cyangwa isana rya sisitemu. Rizakorwa binyuze mu ibaruwa yemezwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari sisitemu ihereryemo. Ku masisitemu akorera mu tugari twinshi, hazakorwa amasezerano menshi kugira ngo habeho uhererekanyabubasha ku baturage bose bakoresha iyo sisitemu mu tugari dutandukanye. Abitabiriye inama ya LSC yabereye ku butaka, barimo Umuyobozi wungirije w'Akarere n'abaturage batandukanye, bose bemeranyije ko ubu ari bwo buryo bworoshye kandi bwubahiriza uburyo bwo kubona uruhushya rw'abaturage mu ihererekanya ry'uburenganzira bwabo kuri carbon.
Ubu buryo burubahiriza inzego zisanzwe z'imiyoborere n'ubuyobozi bw'abaturage, kandi inzira yumvikanyweho izashyirwa mu raporo y'ibiganiro n'abafatanyabikorwa.

| **Impinduka Zabaye Nyuma y'Inama y'Abafatanyabikorwa** |
|---|
| Uburyo bwo guhererekanya uburenganzira bwa carbon riva ku bakoresha amazi rijya kuri Water Access Rwanda bwavuguruwe kugira ngo bujyane n'ubwumvikanyweho mu nama ya LSC yabereye ku butaka.<br>Abafatanyabikorwa kandi bemeje ko nta yindi mishinga ya carbon y'amazi iri mu Karere. |

## 6. Umusanzu ku Ntego z'Iterambere Rirambye (SDGs)

- **SDG 13 – Kurengera Ikirere:** Kugabanya imyuka ihumanya ikirere binyuze mu kudateka amazi hifashishijwe inkwi cyangwa amakara
- **SDG 1 – Kurwanya Ubukene:** Kongera uburyo bwo kubona serivisi z'ibanze n'amasoko meza y'amazi
- **SDG 5 – Uburinganire bw'Igitsina:** Kugabanya igihe abagore bamara mu mirimo yo mu rugo idishyurwa
- **SDG 6 – Amazi Meza n'Isuku:** Kongera ikoreshwa ry'amazi meza yo kunywa acungiwe umutekano
- **SDG 8 – Akazi Keza n'Iterambere ry'Ubukungu**: Kurema imirimo mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga.
- **SDG 3 – Ubuzima Bwiza n'Imibereho Myiza**: Kugabanya indwara ziterwa n'amazi mabi.

| **Impinduka Zabaye Nyuma y'Inama y'Abafatanyabikorwa** |
| --- |
| SDG 8 na SDG 3 byongeweho kuko abantu batandukanye bitabiriye inama bagaragaje ko kurema imirimo ari kimwe mu bintu by'ingenzi bibashishikaje mu mushinga, kandi banagaragaza ko kubona amazi meza bizagabanya indwara zituruka ku mazi mabi |

## 7. Andi Makuru Y'Ingenzi

Uyu mushinga uterwa inkunga na WASAC Group na Water Access Rwanda. Nta nkunga ya Leta zitandukanye (Official Development Assistance – ODA) yakiriwe cyangwa izakoreshwa.

Amafaranga azava muri carbon credits azafasha kugabanya ikiguzi cya tekinoloji no gutwikira ibikenewe mu gukurikirana no gushyira mu bikorwa umushinga.

Uyu mushinga ukoresha uburyo (methodology) bwitwa **"Emission Reductions from Safe Drinking Water Supply – Version 1.0."**

Hazakorwa ubukangurambaga bw'isuku buri mwaka kugira ngo bushimangire imikoreshereze myiza y'amazi meza no kugabanya imyitwarire yo guteka amazi.

### Uburyo buzagumaho bwo gutanga ibitekerezo no kumenyesha ibibazo

- **Igitabo kigenewe kwakira ibitekerezo n'amaraporo y'ibibazo** (Continuous Input and Grievance Expression Process Book) kizaboneka ku biro bishinzwe **Amazi n'Isuku** biri muri **One Stop Center y'Akarere**.

- Ibitekerezo n'ibibazo bishobora gutangwa binyuze kuri **call center**: *Telefoni:* **+250 780 308 482** cyangwa *Email:* **waterforplanet@wateraccess.rw**

- **Gold Standard** nayo ishobora kugerwaho kuri email: **help@goldstandard.org**

| **Impinduka Zabaye Nyuma y'Inama y'Abafatanyabikorwa (LSC)** |
| --- |
| Hiyongerewemo **amakuru ajyanye n'uburyo bwo gutanga ibitekerezo no gutanga ibibazo (input and grievance mechanism procedure).** |